**SERIVISI ZITANGWA KU RWEGO RW'AKARERE MU KARERE KA BURERA**

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **I. SERIVISE ZITANGIRWA MURI ONE STOP CENTER** | | | | |
| **A. IBIKORWAREMEZO (OSC)** | | | | |
| 1. Gusaba uruhushya rwo gushyiraho ibyapa byamamaza n'ibimenyetso ndangahantu | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo, imiturire n'iterambere ry'imijyi. | Ibaruwa isaba yandikiwe akarere iherekejwe n'ibiranga icyapa (uko gikoze, ingano z'inyuguti zanditseho, aho kigomba gushyirwa, aho nyiracyo abarizwa, etc.) | Hishyurwa frw 10,000 kuri meterokare, yishyurwa kuri Konti y'Akarere | Iminsi 3 kugeza ku byumweru 2 |
| 2. Gusaba uruhushya rwo kubaka | Umukozi ushinzwe impushya zo kubaka. | Gusaba uruhushya rwo kubaka inyubako iri mu cyiciro cya 1.C na 1D, iyo mu cyiciro cya 2, iyo mu cyiciro cya 3 n'iyo mu cyiciro cya 4 bigomba kuba biherekejwe n'icyemezo cy'umuhanga mu guhanga inyubako cyangwa icy'umuhanga mu by'ubwubatsi. "Gusaba uruhushya rwo kubaka inyubako iri mu cyiciro cya 1.B n'urwo kubaka urukuta ntibigomba kuba biherekejwe n'icyemezo cy'umuhanga mu guhanga inyubako cyangwa icy'umuhanga mu by'ubwubatsi. Inyubako zo mu cyiciro cya 1A n'inyubako zihariye z'umutekano w'igihugu zivugwa mu cyiciro cya 5 nta ruhushya zisabirwa. Icyakora, | -Kuva kuri 0-100 meterokare wishyura Rwf 20,000,<br>-Kuva kuri 101-200 meterokare wishyura Rwf 100,000,<br>-Kuva kuri 201-500 meterokare wishyura 150,000<br>-Hejuru ya meterokare 500 | Mu minsi 30 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | imirimo y'inyubako igomba gukurikiranwa n'umuhanga mu guhanga inyubako cyangwa umuhanga mu by'ubwubatsi." | wishyura 200,000 frw<br>N.B: Inama Njyanama ishobora kwemerera utishoboye wabisabye kutishyura amahoro | |
| **3. Gusaba kongererwa igihe ku ruhushya rwo kubaka inzu** | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo, imiturire n'iterambere ry'imijyi. | - Fotokopi y'icyangomwa cyarangiye<br>- Ibishushanyo by'imiterere y'inyubako aho igeze<br>- Kopi y'icyangombwa cyo kubaka<br>- Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa<br>Fotokopi y'icyangombwa cy'ubutaka; | -Kuva kuri 0-100 meterokare wishyura Rwf 20,000,<br>-Kuva kuri 101-200 meterokare wishyura Rwf 100,000,<br>-Kuva kuri 201-500 meterokare wishyura 150,000<br>-Hejuru ya meterokare 500 wishyura 200,000 frw<br>N.B: Inama Njyanama ishobora kwemerera utishoboye wabisabye kutishyura amahoro | Mu minsi 3 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **4. Gusaba uruhushya rwo gukorera mu nyubako nshya** | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo, imiturire n'iterambere ry'imijyi | 1° ibishushanyo bigararagaza uko inyubako yubatse; ‘<br>2° ingano y'ibyakoreshejwe mu kubaka;<br>3° ubwoko w'ibikoresho;<br>4° imyirondoro y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi bakoze ku nyubako;<br>5° uburyo bwateganyijwe bwo gufata neza inyubako".<br>NB: Ibi byose bisabwa online ku rwego rw'Akarere. | Ntayo | Ibisubizo biboneka mu byumweru bibiri(2) |
| **5. Gukemura ibibazo bijyanye n'ibikorwaremezo** | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo | Ntabyo | Ntayo | Iminsi 7 |
| **6. Gusaba kwishyurwa serivisi ba Rwiyemezamirimo bahaye Akarere** | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo | Ntabyo | Ntayo | Mu minsi 3 |
| **7. Gusaba uburenganzira bwo gusana/kuvugurura inyubako** | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo, imiturire n'iterambere ry'imijyi | - Dosiye isaba uruhushya rwo kuvugurura bihindura imiterere y'inyubako igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira: 1° Incamake y'umushinga irimo ibisobanuro by'uburyo na tekiniki byakoreshejwe; uretse inyubako iri mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C; 2° Ibishushanyo by'imiterere y'inyubako, uretse inyubako ziri mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C | Ntayo | Mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | 3° Imbata y'ibijyanye n'imiyoboro y'amazi, amashanyarazi, isuku n'isukura, ikoranabuhanga no kwirinda inkongi, uretse inyubako yo mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C; 4° Inyandiko igaragaza ibyahindutse, imibare n'igenzura ry'ubukomere bw'inyubako, aho biri ngombwa, uretse inyubako iri mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C; 5° Ingano y'ibizakoreshwa n'agaciro kabyo, uretse inyubako iri mu cyiciro cya 1.B n'icya 1C; 6° Icyemezo cy'imirimo y'umushinga kiriho umukono w'umuhanga mu guhanga inyubako cyangwa uw'umuhanga mu by'ubwubatsi wemewe, kikemezwa n'urugaga rubagenga, uretse inyubako ziri mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C"<br>Haseguriwe ibisabwa bivugwa mu ngingo ya 7 y'iri teka, dosiye yose yo gusaba uruhushya rwo gusana no kuvugurura inyubako nta guhindura imiterere y'ibiyigize igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira: 1° incamake y'umushinga irimo ibisobanuro by'uburyo na tekiniki byakoreshejwe, uretse inyubako iri mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C; 2° imbata y'ibijyanye n'imiyoboro y'amazi, amashanyarazi, isuku n'isukura, ikoranabuhanga no kwirinda inkongi, uretse inyubako yo mu cyiciro cya 1.B n'icya 1.C".<br>Ibi bisabwa online. | | |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **8. Gufasha mu kubona amazi** | Umukozi ushinzwe ibikorwaremezo | Ntabyo | Ntayo | Mu cyumweru 1 |
| **B. UBUTAKA (OSC)** | | | | |
| **1. Kugabanyamo ibice ikibanza/isambu** | Umukozi ushinzwe ubutaka ku karere | - Ibyangombwa by'ubutaka by'umwimerere busabirwa kugabanywamo ibice<br>- Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'Ibiro by'Ubutaka by'Akarere kuri buri gice cy'ubutaka busabirwa kugabanyamo ibice<br>- Kutanga amafaranga yose usabwa kwishyura ku butaka bugabanywamo<br>- Raporoy'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibi,umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye. | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **2. Guhuza ubutaka** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Ibyangombwa by'ubutaka busabirwa guhuzwa<br>- Raporoy'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibi,umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye<br>Kwishyura amafaranga y'imisoro yose icyanye n'ibibanza bihuzwa | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **3. Gukosora imbibi cyangwa ubuso bw'ubutaka** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'ubutaka ikomatanya ibice by'ubutaka bisabirwa gukosorerwa imbibi cyangwa ubuso.<br>- Raporo y'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibi, umukozi wapimye ubutaka n'umuyobozi w'Akagari k'aho ubutaka buherereye.<br>- Icyangombwa cy'ubutaka cy'abo bahuje imbibi cyagizweho ingaruka n'ikosora ( Ubusanzwe imbibi zo ku butaka ziba ari nziza, igishushanyo ni cyo akenshi kiza nabi). | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **4. Guhinduza ibyangombwa byatanzwe hashingiwe ku mategeko ya kera hagatangwa ibishingiye ku mategeko mashya** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Kopi y'indangamuntu.<br>- Icyemezo cy'uko washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu.<br>- Ibyangombwa bya kera by'ubutaka bisabirwa guhindurwa.<br>- Icyemezo cy'agateganyo gihabwa uwabaruje ubutaka/inyandiko yemeza nimero ubutaka bwabaruweho.<br>Ifishi y'ubutaka (Fiche cadastrale) yemewe n'Akarere mu gihe usaba adafite icyemezo cy'agateganyo cyangwa inyandiko yemeza nimero y'ubutaka. | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **5. Guhindura ubukode burambye bukaba inkondabutaka cyangwa** | Umukozi ushinzwe ry'ubutaka | - Ibyangombwa by'ubutaka<br>- Kopi y'indangamuntu<br>- Icyemezo cy'uko washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu<br>- Ibyangombwa bya kera by'ubutaka bisabirwa guhindurwa | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **inkondabutaka ngenankomyi** | | - Icyemezo cy'agateganyo gihabwa uwabaruje ubutaka/inyandiko yemeza nimero ubutaka bwabaruweho<br>Ifishi y'ubutaka (Fiche cadastrale) yemewe n'Akarere mu gihe usaba adafite icyemezo cy'agateganyo cyangwa inyandiko yemeza nimero y'ubutaka. | | |
| **6. Gukosora cyangwa guhindura amakuru ku bantu banditse ku butaka** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Kopi y'indangamuntu ya nyir'ubutaka<br>- Iyo hasabwa guhindura izina, kopi y'Igazeti ya Leta igaragaza guhindura izina,<br>- Iyo hasabwa guhindura aderesi: icyemezo kigaragaza ko umuntu yahinduye aho atuye gitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho abarizwa.<br>Ibyangombwa by'ubutaka. | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **7. Gukosora cyangwa guhindura amakuru ku ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi ryanditse ku butaka** | Umukozi ushinzwe iyandikisha ry'ubutaka | - Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka (registration certificate)<br>- Iyo ari ihinduka rya sosiyete y'ubucuruzi: inyandikomvugo y'inama rusange ya sosiyete yemeza iryo hinduka,<br>- Icyemezo cy'iyandikisha rya sosiyete nshya gitangwa na RDB,<br>- Iyo ari Imiryango nyarwanda itegamiye kuri Leta n'imiryango idaharanira inyungu: icyemezo cy'iyandikisha ry'umuryango gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiyoborere Myiza.<br>- Iyo ari Imiryango mpuzamahanga itegamiye kuri Leta: icyemezo cy'iyandikisha gitangwa | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru bibiri(2) |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | n'Ubuyobozi Bukuru bushinzwe Abinjira n'Abasohoka<br>- Iyo ari ishyirahamwe riharanira inyungu z'umurimo cyangwa umwuga: itegeko rishyiraho iryo shyirahamwe | | |
| **8. Kwandikisha ubutaka ku ishyirahamwe ry'abasangiye uburenganzira mu isangiramutungo ku nyubako (condominium association)** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Ibiranga ishyirahamwe (hamwe n'igazeti ya Leta yasohotsemo ubuzima gatozi bw'ishyirahamwe) cyangwa Ibiranga urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo guteza imbere imiturire<br>- Ibyangombwa by'ubutaka<br>Ibipimo by'ibice by'isangiramutungo (condominium Units), ibice rusange n'imigabane y'abagize ishyirahamwe ry'isangiramutungo ku nyubako<br>-Fotokopi z'irangamuntu z'abagize ishyirahamwe | ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **9. Kwandikisha igice cy'inyubako (condominium unit) kiri mu isangiramutungo ku nyubako** | Umukozi ushinzwe ry'ubutaka | - Kopi z'indangamuntu z'abasaba<br>- Icyemezo cyo kuba washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu cy'uwaguze<br>- Inyandiko itanzwe n'Ishyirahamwe ry'abasangiye inyubako yemeza uburenganzira mu isangiramutungo (Proof of ownership from Association of Owners)<br>- Ibipimo by'igice cy'inyubako kiri mu isangiramutungo (condominium Units) hamwe n'ibice rusange bisabirwa kwandikwa Ibyangombwa by'ubutaka buriho isangiramutungo ku nyubako | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **10. Ihererekanya ry'uburenganzira ry'igice cy'isangiramutungo ku nyubako (condominium unit)** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Kopi y'ibiranga abarebwa n'ihererekanya ry'uburenganzira<br>- Icyemezo cyo kuba washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu cy'uwaguze<br>- Amasezerano y'ihererekanya ry'uburenganzira ku gice cy'isangiramutungo ku nyubako yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka<br>- Ibyangombwa by'ibice by'isangiramutungo w'inyubako (Condominium Unit) Inyandiko itanzwe n'Ishyirahamwe ry'abasangiye inyubako yemeza uburenganzira mu isangiramutungo (Proof of ownership from Association of Owners) | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **11. Gukosora amakuru muri regisitiri y'ubutaka (amazina yanditse nabi, inimero y'irangamuntu, ...** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka<br>- Ibyangombwa by'ubutaka | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **12. Iyandikwa ry'amakuru-nyongera (annotation) muri regisitiri y'ubutaka** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Kopi y'ibiranga usaba<br>- Icyemezo cy'uko washyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu<br>- Icyemezo cy'urukiko cyangwa cy'Ubuyobozi kigaragaza amakuru-nyongera cyangwa indi nyandiko-mpamo. | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **13. Gusimbura ibyangombwa by'ubutaka bisimbura ibyatakaye,** | Umukozi ushinzwe ubutaka | Iyo ibyangombwa by'ubutaka byatakaye:<br>- Inyandiko y'indahiro (affidavit) yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka w'aho ubutaka buherereye | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **ibyangiritse, ibyahiye cyangwa ibyatwawe n'ibiza** | | Ikimenyetso kigaragaza ko hashize nibura ibyumweru bibiri atanze itangazo ryo kubirangisha.<br>Iyo ibyangombwa by'ubutaka byangiritse ku buryo bibasha kugaragazwa:<br>- Umwimerere w'ibyangombwa by'ubutaka byangiritse<br>- Iyo ibyangombwa by'ubutaka byangiritse ku buryo bitabasha kugaragazwa: Inyandiko y'indahiro (affidavit) yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka w'aho ubutaka buherereye<br>- Iyo ibyangombwa by'ubutaka byahiye cyangwa byatwawe n'ibiza: Inyandiko y'indahiro(affidavit) yakorewe imbere ya noteri w'ubutaka w'aho ubutaka buherereye hashingiwe kucyemezo cy'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'aho usaba atuye. | | |
| **14. Guhinduza icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Ibyangombwa by'ubutaka<br>- Uruhushya rwo guhindura icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa rutangwa n'umubitsi w'impapuro mpamo z'ubutaka | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **15. Gusaba guhabwa ibyangombwa by'ubutaka kubutaka Leta yagurishije cyangwa yatanze** | Umukozi ushinzwe ubutaka | - Kopi y'ibiranga uwaguze/abaguze cyangwa uwahawe/abahawe ubutaka<br>- Icyemezo cyo kuba warashyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu<br>- Amasezerano y'ubugure cyangwa y'impano wagiranye na Leta cyangwa icyemezo cy'Inama y'abaminisitiri gitanga ubutaka | 500 frw kuri buri paji imwe | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | Iyo nta nkondabutaka yatanzwe: Inyandiko yemeza nimero y'ubutaka (UPI) iyo izwi cyangwa Ifishi y'ubutaka (Fiche Cadastrale) yemejwe n'umukuru w'ibiro by'ubutaka by'Akarere na raporo y'ipimwa ry'ubutaka yashyizweho umukono na nyir'ubutaka, abo bahana imbibi, umukozi wapimye ubutaka. | | |
| **16. Gusaba kongera cyangwa kuvana abafite uburenganzira ku butaka muri rejisitiri y'ubutaka** | | - Ibyangombwa by'ubutaka<br>- Kopi y'ibiranga nyir'ubutaka<br>- Iyo hasabwa kongera bitewe n'ubushyingirwe, icyemezo cy'uko nyir'ubutaka yashyingiwe<br>- Iyo hasabwa kongera bitewe n'indi mpamvu, inyandiko yakorewe imbere ya noteri mu by'ubutaka igaragaza imigabane ba nyir'ubutaka bagomba kugira<br>- Iyo ari ukuvana muri regisitiri y'ubutaka, inyandiko yakorewe imbere ya noteri mu by'ubutaka yemeza ko umwe cyangwa benshi bavanwa muri rejisitiri y'ubutaka<br>- Iyo ari ukuvana umuntu muri rejisitiri y'ubutaka kubera ko uwo bari barashyingiranywe yitabye Imana: icyemezo cy'uko ari ingaragu cy'usigaye hamwe n'icyemezo cy'uko uwo bashyingiranywe yitabye Imana cyangwa icyemezo cy'Urukiko cyemeza ko usigaye yandikwaho ubutaka.<br>- Iyo ari ukuvana umuntu muri rejisitiri y'ubutaka kubera ko amasezerano yo gushyingirwa yasheshwe n'ubutane, icyemezo cy'urukiko cyemeza ubutane giherekejwe | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | n'irangiza rubanza, cyangwa inyandiko igaragaza amasezerano y'ubutane abari barashyingiranywe bagiranye mbere yo gutana. | | |
| **17. Gusaba gukuraho amakimbirane/guhabwa ibyangombwa byari mu makimbirane mu gihe yakemutse** | Umukozi ushinzwe amategeko muri serivisi y'Ubutaka | - Kopi y'ibiranga /abasaba ko amakimbirane akurwaho<br>- Icyemezo cyo kuba warashyingiwe/Icyemezo cy'uko uri ingaragu (mu gihe usaba atari we wanditse ku butaka)<br>- Icyemezo cy'Urukiko kiriho kashe mpuruza n'inyandikomvugo y'irangizarubanza cyangwa inyandiko yashyizweho umukono n'abari bafitanye amakimbirane yemejwe n'ubuyobozi bw'Umurenge bw'aho ubutaka buherereye mu gihe habaye ubwumvikane.<br>- Ibyangombwa by'ubutaka mu gihe hari haratanzwe ibyangombwa uwatsinze atari we wanditse ku butaka (Iyo uwatsinzwe atagize ubushake bwo kubisubiza umuhesha w'Inkiko abigaragaza mu nyandikomvugo y'irangizarubanza). | Ntayo | Icyangombwa kiboneka mu byumweru 2 |
| **18. Kwemeza igishushanyo cy' ikibanza (deed plan)** | Umukozi ushinzwe gupima ubutaka muri OSC(One Stop Center) | - Kopi y'icyangombwa cyemeza ko ubutaka ari ubwawe<br>- Iyo ari gusaba icyangombwa cy'ubutaka ubwambere, werekana icyemezo cy'umutungo kigaragaza ko ubutaka ari ubwawe gitangwa n'umurenge.<br>- Hagomba kuba hari CD iriho ibipimo byubwo butaka. | Service n'ubuntu | Muminsi 15 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | - Raporo y'ipimwa ry'ubutaka yemejwe nuwapimye ubwo butaka kandi isinyweho nabanyembibi bubwo butaka bwapimwe. | | |
| **19. Gutanga no gutiza ingwate muri banki** | Umunyamategeko muri One Stop Center | - Icyangombwa cy'ubutaka cy'umwimerere<br>- Indangamuntu z'ushaka gutanga n'uwakira ingwate (ubutiza, n'ubuhawe)<br>-Icyemezo cy'uko washatse cyangwa uri ingaragu | 500Frw kuri buri page yateweho cashe ya Notaire | Ako kanya |
| **20. Gukemura amakimbirane ashingiye ku butaka** | Ushinzwe kwakira abantu muri One Stop Center | - Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere( Mayor)<br>- Raporo y'uko ikibazo cyakemuwe ku murenge | Ntayo | Uhabwa umunsi wo gusurwa aho ikibazo kiri bitarenze icyumweru. Igisubizo kiboneka umunsi wo gusura |
| II. UMUJYANAMA MU BY'AMATEGEKO NA NOTERI | | | | |
| 1. **Gusaba gushyira umukono ku masezerano y'ubugure ku mitungo yimukanwa** | Noteri w'ubutaka uwariwe wese awa Leta cyangwa Private | - Indangamuntu kuri buri ruhande<br>- Ibyangombwa by'umutungo wimukanwa<br>- Amasezerano y'Ubugure asinyirwa imbere ya noteri<br>-Kwishyura amafaranga asabwa,kumisoro y'ubutaka n'ubugure burengeje million 5 bukishyurwa kuri 2% na 2.5% kumuntu udafite Tin number. | Iyo icyangombwa cyanditseho gutura kibanza kwishyura imisoro kirimo. | Muminsi 15 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **2. Gusaba gushyira umukono ku masezerano y'inguzanyo ya banki** | Noteri | Amasezerano y'inguzanyo ya banki<br>-Indangamuntu<br>-Kwishyura amahoro asabwa | 500frw kuri buri page | Uwo munsi |
| **3. Gusaba gushyira umukono kuri stati y'amashyirahamwe, amakoperative n'imiryango itari iya Leta** | Noteri | - Sitati z'imiryango<br>- Abanyamuryango bose bagomba kuba bahari<br>- Kwishyura ku Irembo amafaranga 500 kuri kopi imwe | 500 frw kuri buri rupapuro | Uwo munsi |
| **4. Kugira inama abaturage mu by'amategeko** | Noteri w'Akarere | Ntabyo | Ntayo | Uwo munsi kereka iyo hakenewe ubusesenguzi |
| **5. Kwemeza inyandiko mpamo** | Noteri w'Akarere cyangwa w'umurenge | - Impapuro z'umwimerere na kopi zazo<br>- Kwishyura amafaranga 1,500 Frw asabwa kuri buri kopi (Diplome, kwemeza umukono n'ibindi...) | 1,500 Frw kuri kopi imwe | Uwo munsi |
| **6. Gukurikirana imanza z'Akarere** | Noteri w'Akarere | - Inyandiko ihamagaza mu rukiko/icyemezo cy'Urukiko | Ntayo | Biterwa n'uko ikibazo giteye |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **III. KWAKIRA IMISORO N'AMAHORO** | | | | |
| **1. Gusaba gusubizwa amafaranga y'ikirenga ku musoro cyangwa ayishyuwe aho adakwiye** | Umuyobozi Ushinzwe Imari | - Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere<br>- Impapuro z'umwimerere za banki wishyuriyeho<br>- Indangamuntu ( Nomero y'indangamuntu) | Ntayo | Uwo munsi |
| **2. Guhabwa amakuru ku misoro n'uko ibarwa** | Umukozi ushinzwe kwakira imisoro n'amahoro ku Karere cyangwa ku murenge | **Ipatanti:**<br>- Kumenyekanisha aho ukorera n'imirimo ukora<br>**Umusoro ku mitungo:**<br>- Ibyangombwa by'umutungo<br><br>**Umusoro ku bukode:**<br>- Umasezerano y'ubukode<br>Amasezerano y'inguzanyo ya banki kugira ngo inyungu zigabanywe ku musoro | Ntayo | Uwo munsi |
| **3. Guhabwa impapuro zakatiweho imisoro ya RRA** | Umucungamari w'Akarere | - Amasezerano wagiranye n'Akarere n'inyemezabuguzi wishyuriweho | Ntayo | Uwo munsi |
| **4. Guhabwa impapuro zishyuriweho** | Umucungamari w'Akarere | - Amasezerano wagiranye n'Akarere n'inyemezabuguzi wishyuriweho | Ntayo | Uwo munsi |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **5. Gusaba kwishyura imisoro mu bice** | Umukozi ushinzwe kwakira imisoro n'amahoro | - Kuzuza impapuro zibarirwaho umusoro<br>- Kwishyura nibura 25% by'umusoro usabwa<br>- Urwandiko rusaba kwishyura mu bice rwandikiwe Akarere | Ntayo | Uwo munsi |
| **6. Kwishyuza ubukode ku mitungo y'Akarere** | Umukozi ushinzwe kwakira imisoro n'amahoro | - Amasezerano y'ubukode | Amafaranga avugwa mu masezerano | Uwo munsi |
| IV. IMARI N'IPIGANWA RY'AMASOKO | | | | |
| **1. Guhabwa ibitabo by'ipiganwa** | Umukozi ushinzwe amasoko | - Isoko rigomba kuba ryaratangajwe ku mugaragaro<br>Kwishyura amafaranga y'igitabo cy'isoko yatangajwe mu itangazo rihamagara abashaka gupiganwa. | Amafaranga y'igitabo cy'isoko avugwa mw'itangazo rihamagara abashaka gupiganwa.Ntarenza 100frw kuri buri rupapuro | Uwo munsi |
| **2. Guhabwa ubufasha n'inama ku mitangire y'amasoko** | Umukozi ushinzwe amasoko | Ntabyo | Ntayo | *Uwo munsi* |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **3. Kwakira inyandiko z'ipiganwa** | Umukozi ushinzwe amasoko ya | Ntabyo | Ntayo | Iminsi 30 isoko ritangajwe aho kuba uwo munsi |
| **4. Kumenyesha abapiganwe ibyavuye mu isesengura ry'ipiganwa ry'amasoko** | Umukozi ushinzwe amasoko ( | Kuba waratanze inyandiko ipiganirwa isoko binyuze kuri e-procuremnet | Ntayo | Iminsi 21 nyuma yo gufungura isoko |
| **5. Gusinyisha amasezerano ku batsindiye amasoko** | Umukozi ushinzwe amasoko | Kuba waratsindiye isoko | Ntayo | Uwo munsi ku itariki yemejwe |
| **6. Gutanga icyangombwa cyo kurangiza imirimo neza** | Umukozi ushinzwe amasoko | Kuba warangije imirimo yose iri mu masezerano y'isoko kandi warubahirije ibisabwa byose. | 1500 frw | Uwo munsi |
| V. **KUVURA NO KWITA KU MATUNGO** | | | | |
| 1. Guhabwa icyemezo cyo kwimura amatungo | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | - Icyemezo cy'umurenge kiriho ibiranga itungo (ubwoko, umyaka, ibara, igitsina, etc.), nyiraryo, aho riva n'aho rijya, uburyo bwo kuritwara (imodoka na plaque zayo)<br>- Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa | Kugirango umurenge uguhe icyemezo wishyura amafaranga 1,500frw ku | Uwo munsi |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | - Indangamuntu ya nyiraryo | nka imwe na 500 ku ntama ihene n'ingurube. | |
| 2. Guhabwa icyemezo cyo gutwara ibikomoka ku matungo hagati mu gihugu | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | - Icyemezo cy'umurenge kiriho ibiranga ibikomoka ku matungo (ubwoko, ingano, etc.), nyirabyo, aho biva n'aho bijyanywe, uburyo bwo kuritwara (imodoka na plaque zayo)<br>- Impapuro zishyuriweho amafaranga asabwa<br>- Indangamuntu ya nyirabyo | Kugira ngo umurenge uguhe icyemezo wishyura amafaranga ari hagati ya 1.500 Frw na 5.000 Frw | Uwo munsi |
| 3. Guhabwa inama ku mushinga w'ubworozi | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | Ibaruwa isobanura uko umushinga uteye, nyirawo, aho ukorerwa, etc. | Ntayo | Usurwa mu cyumweru kimwe umaze kwandika. Igisubizo ugihabwa mu minsi 4 nyuma yo gusurwa. |
| 4. Kugura intanga | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | Kwishyura amafaranga y'intanga muri BNR kuri konti ya RAB ukerekana aho wishyuriye | Hishyurwa hakurikijwe agiciro cy'intanga | Uwo munsi |
| **5. Kugenzura inyama n'ibikomoka ku matungo** | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | Usaba agomba kuba yarahawe uburenganzira na RAB bwo gutwara no gucuruza ibikomoka ku matungo | Ntayo | Ako kanya |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| 6. Icyangombwa cyo kuroba | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | - Kuba ufite cyangombwa cya koperative y'uburobyi<br>- Gukoresha inshundura z'uburoyi zabigenewe kuri buri bwoko bw'amafi<br>- Kwerekana aho uburobyi kukorerwa<br>- Kuba ufite ubwishingizi (assurance)<br>- Kuba abakozi bari muri mitiweri<br>- Kugira amakoti yo kogana (gillet de sauvetage) | Ntayo | Iminsi 7 |
| 7. Gupima ubuzima bw'amatungo | Umukozi ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo | Ntabyo | Ntayo | Iminsi 7 |
| **VI . UBUHINZI N'UMUTUNGO KAMERE** | | | | |
| 1. Guhabwa inyongeramusaruro | Umukozi w'Akarere ushinzwe ubuhinzi | Kuba mu itsinda rigomba guhinga igihingwa cyatoranijwe | Inyongeramusaruro (ifumbire n'imbuto) zishyurwa n'umuhinzi hashingiwe ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi asohoka buri gihembwe cy'ihinga. Amafaranga ahabwa agrodealer, naho Leta ikishyura nkunganire (subsidy) igahabwa ba Rwiyemezamirimo (suppliers). | Uwo munsi kwa "agrodealer" |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| 2. Guhabwa ubufasha ku mushinga w'ubuhinzi | Umukozi w'Akarere ushinzwe ubuhinzi | Ntabyo | Ntayo | Uwo munsi |
| 3. Gusaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri | Umukozi ushinzwe amashyamba n'umutungo kamere | Kuri kariyeri iri munsi ya 5 ha:<br>- Ibaruwa isaba yandikiwe akarere bikamenyeshwa ku murenge<br>- Ikarita y'aho ikirombe kiri<br>- Inyandiko y'umushinga irambuye<br>- Inyandiko irambuye isobanura uko hazabungwabungwa ibidukikije<br>- Kuba atabereyemo umwenda RRA<br>- Uruhushya rumara imyaka 5 | - Kwishyura 50,000 Frw y'uruhushya rwo gucukura kariyeri igamije ubucuruzi,<br>- Kwishyura 200,000frw ashyirwa mu isanduku ya Leta | Icyumweru 1 |
| 4. Gusaba inama ku bijyanye n'ibidukikije (ibishanga, ikoreshwa ry'ubutaka, mine, kariyeri, etc.) | Umukozi ushinzwe Ibidukikije | Ntabyo | Ntayo | Uwo munsi |
| **VII.AMASHYAMBA** | | | | |
| 1. Gutanga uburenganzira bwo gusarura ishyamba | Umukozi ushinzwe amashyamba mu karere | Urwandiko rusaba<br>Icyangombwa cy'ubutaka<br>Ku mashyamba ari hagati ya 0.5ha na 2ha Akarere gatanga inama gusa ku buryo bwo gusarura. Iyo asaba gusarura hejuru ya 2ha asaba uruhushya. | Ntayo | Uwo munsi nyuma yo gusurwa |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | Ku biti bidashibuka n'ibishaje, usarura agaragaza aho azakura ingemwe zo kongera gutera ishyamba, uruhushya rumara amezi 3 | | |
| 2. Guhabwa uburenganzira bwo gutwara ibikomoka ku mashyamba | Umukozi ushinzwe amashyamba | - Ubisaba agomba kuba afite icyangombwa cyo gusarura.<br>- Uruhushya rutangwa hakurikije ingano y'ibisarurwa. Iyo ari bike, uruhushya rutangwa ku rugendo rumwe gusa<br>- Uruhushya rumara ukwezi 1 kandi rugakoreshwa gusa ku bikomoka ku mashyamba rwatangiwe byonyine.<br>- Usaba agomba kuba afite ipatanti y'ubucuruzi | 1.000 Frw kuri toni no kuva 1500 frw y'uruhushya yishyurwa kuri konti y'Akarere | Uwo munsi nyuma yo gusurwa |
| 3. Gusaba ingemwe z'ibiti | Umukozi ushinzwe amashyamba | - Hakurikizwa gahunda y'amashyamba y'Akarere Ku mashyamba y'abantu ku giti cyabo, ingemwe urazisaba zaboneka ukaziterera | Ntayo | Uwo munsi |
| **VIII. KOPERATIVE** | | | | |
| 1. Guhabwa icyemezo cya koperative | Umukozi ushinzwe amakoperative ku murenge | Idosiye isaba yagenzuwe kandi ikemerwa n'Umurenge | Amafaranga asabwa atangirwa ku murenge | Icyumeru 1 kugera kuri 2 ku cyangombwa cy'agateganyo Ukwezi 1 ku cyangombwa cya burundu gitangwa na RCA |
| **IX. UBUREZI** | | | | |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| 1. Gusaba uruhushya rwo gufungura ikigo cy'amashuri | Umukozi ushinzwe uburezi mu karere | Inyandiko ibisaba yemejwe n'Umurenge<br>Inyandiko y'umushinga irambuye<br>Ibikorwaremezo( Inyubako yawe cyangwa wakodesheje), Ibikoresho, ibitabo, abarimu n'ibindi... | Ntayo | Mu mezi atatu (kugira ngo Inama Njyanama y'Akarere ibisuzume) |
| 2. Gusaba guhindurirwa ikigo cy'ishuri | Umukozi ushinzwe uburezi | - Ibaruwa isaba yometseho iy'ikigo yemeza ko gifite uwo mwanya | Ntayo | Ukwezi kumwe |
| 3. Gusaba akazi k'ubwarimu | Umukozi ushinzwe uburezi | - Bikorerwa ku ikoranabuhanga muri SMARTHR<br>- Impamyabumenyi iriho umukono wa noteri<br>- Ifishi yujuje ya Komisiyo y'abakozi ba Leta | Ntayo | Icyumweru kimwe kugeza ku kwezi |
| 4. Gusaba inkunga y'uburezi | Umukozi ushinzwe uburezi | - Urwandiko rubisaba ruriho umukono w'Umurenge<br>- Icyemezo cy'uko utishoboye<br>- Indangamanota yatanzwe n'ishuri wigamo | Ntayo | Icyumweru 1 |
| 5. Icyemezo cyo kuba warize gusoma no kwandika | Umukozi ufite mu nshingano ze amasomero y'abakuze | - Urwandiko rusaba<br>- Urutonde rw'abantu barangije amahugurwa yo gusoma no kwandika | Ntayo | Icyumweru 1 |
| 6. Kwakira abakeneye amakuru kw'ibarurishamibare ry'uburezi | Umukozi ushinzwe uburezi | Ibaruwa isaba yanditswe n'ikigo isabira uwo muntu amakuru y'ibarurishamibare ku burezi | Ntayo | Ako kanya |
| **X. IMIYOBORERE MYIZA** | | | | |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| 1. Gutega amatwi ufite ikibazo | Ushinzwe Imiyoborere Myiza | Inzandiko z'imyanzuro yafashwe n'izindi nzego kuri icyo kibazo. | Ntayo | Uwo munsi |
| **XI. UBUYOBOZI BW'IMIRIMO N 'ABAKOZI** | | | | |
| 1. Kwakira no kuyobora abagana akarere | Umukozi ushinzwe kwakira abagana Akarere | Ntabyo | Ntayo | Ako kanya |
| 2. Kohereza inyandiko zisubiza abandikiye Akarere | Ubunyamabanga rusange (secretariat central) | Ntabyo | Ntayo | Ako kanya |
| 3. Kubara no gutanga ibirarane by'amashimwe | Umukozi ushinzwe abakozi | - Ibaruwa isaba<br>- Raporo igaragaza imikorere<br>- Aho wishyuriwe umushahara wa nyuma | Ntayo | Uwo munsi ku bakozi b'Akarere Ku barimu n'abaganga biterwa n'igihe bifata kuri MINECOFIN, ariko ubusanzwe bifata ukwezi kumwe. |
| 4. Kubara no gutanga imperekeza | Umukozi ushinzwe abakozi | - Urwandiko rubisaba,<br>- Icyemezo cy'amavuko,<br>- Ibyemezo by'aho wakoze n'igihe wahamaze, | Ntayo | Iminsi 3 |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | - Abakozi bashobora kuzana amakuru yo muri RSSB iyo badashobora kubona abakoresha babo ba mbere.<br>- Nomero ya konti<br>- Iyo konti yahindutse, icyemezo cyo kutabamo umwenda wa banki yari ifite konti wahemberwagaho | | |
| 5. Kubara no gutanga impozamarira | Umukozi ushinzwe abakozi | - Icyemezo cy'urupfu<br>- Ibaruwa isaba<br>- Icyemezo cyo gushyingirwa<br>- Icyemezo cy'urukiko cyerekana umuzungura<br>- Ibaruwa isubizwa hakurikijwe amategeko, umushahara na dosiye y'umukozi | Ntayo | Iminsi 3 |
| 6. Guhabwa ibyangombwa binyuranye | Umukozi ushinzwe | Ntabyo | Ntayo | Umunsi ukurikiyeho |
| 7. Guhuza akarere n'izindi nzego zikagana | Umukozi ushinzwe kwakira abagana Akarere | Ntabyo | Ntayo | Uwo munsi |
| 8. Guhabwa kopi y'inyandiko zabitswe mu gihe zisabwe | Umukozi ushinzwe gushyingura inyandiko | Inyandiko ibisaba | Ntayo | Ako kanya |
| 9. Guhabwa ibendera ry'igihugu | Umukozi ushinzwe logistic | Ntabyo | 30.000 Frw yishyurwa kuri konti | Uwo munsi |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| | | | y'Akarere muri banki y'Abaturage ku ibendera rimwe | |
| **XII. UBUGENZUZI BW'UMURIMO** | | | | |
| 1. Kwakira no gukemura amakimbirane ashingiye ku murimo ku bikorera | Umugenzuzi w'Imirimo | - Amasezerano y'akazi<br>- Ibaruwa imushyira cyangwa imusezerera mu kazi | Ntayo | Icyumweru kimwe iyo impande zombi zabashije kumvikana |
| 2. Gusaba icyangombwa cyo kutagira umukozi (sosiyete idafite abakozi) | Umugenzuzi w'Imirimo | Icyemezo cyo kutabamo imisoro ya RRA<br>Icyemezo cyo kwiyandikisha muri RDB<br>Icyemezo cyo kwiyandikisha muri RSSB | Ubaza ku karere amafaranga asabwa | Uwo munsi |
| 3. Gusaba uburenganzira bwo gutanga ingwate irenze 1/3 by'umushahara w'umukozi ku nguzanyo | Umugenzuzi w'Imirimo | Ibaruwa yandikiwe banki ishyirwaho umukono n'umugenzuzi w'imirimo | Ntayo | Iminsi 5 |
| 4. Inama ku bijyanye n'umurimo | Umugenzuzi w'imirimo | Ntabyo | Ntayo | Uwo munsi |

| SERIVISE | UMUKOZI UBISHINZWE | IBISABWA | AMAFARANGA YISHYURWA | IGIHE NTARENGWA |
|---|---|---|---|---|
| **XIII. URUBYIRUKO N'UMUCO** | | | | |
| 1. Uburenganzira bwo gukoresha amarushanwa ya siporo ku rwego rw'akarere | Umukozi ushinzwe urubyiruko, umuco na siporo | Ibaruwa ibisaba | Ntayo | Iminsi 15 |
| 2. Gutanga ubufasha ku rubyiruko. | Umukozi ushinzwe urubyiruko, umuco na siporo | Urubyiruko rugirwa inama yo kwibumbira mu mashyirahamwe | Ntayo | Biterwa n'ubushobozi buhari |